Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali

# RAPORO Y'IBIKORWA BY'UMUJYI WA KIGALI

## UMWAKA WA 2015/2016

## AMASHAKIRO


IRIBURIRO ........ 4

**I. INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI** ........ 5

1. IBYAGEZWEHO N'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI ........ 6

**II. KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI N'UBUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA** ........ 12

**1. IBYAGEZWEHO MU BUKUNGU** ........ 13

1.1 IBIKORWA REMEZO ........ 13

1.2. IMITURIRE N'IMITUNGANYIRIZE Y'UMUJYI WA KIGALI ........ 23

1.3 IGENAMIGAMBI RUSANGE ........ 28

1.4 ITERAMBERE RY'UBUKUNGU ........ 29

1.4.1 Imyinjirize y'Imari ........ 29

1.4.3 Iterambere ry'Ishoramari ........ 35

1.4.4 Ubuhinzi ........ 38

2. IBYAGEZWEHO MU MIBEREHO MYIZA Y'ABATURAGE ........ 42

2.1 UBURINGANIRE BW'UMUGORE N'UMUGABO ........ 43

2.2 KURENGERA ABATISHOBOYE ........ 48

2.3 URUBYIRUKO, UMUCO NA SIPORO ........ 53

2.4 URBAN SOCIOLOGY ........ 58

2.5 UBUREZI ........ 60

2.6 GUFASHA ABASHOMERI GUSHAKA AKAZI ........ 63

2.2 UBUZIMA, ISUKU, IBIDUKIKIJE NO GUTEZA IMBERE UBWIZA BW'UMUJYI WA KIGALI .......... 67
2.2.1 UBUZIMA .......... 67
2.2.2 IBIDUKIKIJE .......... 71
3. IBYAGEZWEHO MU MIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA .......... 80
3.1 IMIYOBORERE MYIZA .......... 80
3.2 UMUTEKANO .......... 90
4. UBUTABERA .......... 92
5. ISHAMI RISHINZWE ABAKOZI N'UBUTEGETSI .......... 93
5.1 Imicungire y'Abakozi n'Ibikoresho .......... 93
5.2 Imicungire y'Ibikoresho .......... 94
5.3 Imicungire y'Inyubako .......... 94
5.4 Itangazamakuru n'Itumanaho .......... 95
5.4 Archives na Documentation .......... 97
5.5 Ubunyamabanga Rusange .......... 98
5.6 Ubunyamabanga Rusange .......... 98
**UMWANZURO** .......... 99

## IRIBURIRO

Umujyi wa Kigali ni umurwa mukuru w’u Rwanda uherereye hagati mu Gihugu. Ufite Uturere 3 ari two: Nyarugenge, Kicukiro na Gasabo; Imirenge 35, Utugari 161 n’Imidugudu 1074. Igice kingana na 70% nicyo kigizwe n’Umujyi, naho 30% kigizwe n’icyaro. Umujyi wa Kigali utuwe n’abaturage 1,132,686. Muri bo, abagore bangana na 546,563 ni ukuvuga 48%. Ubucucike bw’abaturage kuri kilometero kare imwe ni 1,552.

Itegeko No 87/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena imitunganyirize n’imikorere y’inzego z’imitegekere y’Igihugu zegerejwe abaturage, riha Umujyi wa Kigali inshingano nk’uko zigaragara mu ngingo yaryo no 141:

- Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki y’Igihugu mu Turere two mu Mujyi wa Kigali;
- Gutegura igishushanyombonera cy’Umujyi wa Kigali n’ibishushanyombonera byihariye, kubishyira mu bikorwa ku mishinga minini yakirwa n’Umujyi wa Kigali, no gukurikirana uko Uturere dushyira mu bikorwa ibishushanyombonera byihariye;
- Gukora igenamigambi ry’Iterambere ry’Umujyi wa Kigali;
- Gutanga umurongo ngenderwaho no guhuza ibikorwa by’igenamigambi ry’Uturere two mu Mujyi wa Kigali;
- Gukurikirana ibikorwa n’imikorere by’Uturere two mu Mujyi wa Kigali n’izindi nzego z’imirimo za Leta zo ku rwego rwawo no gutanga serivisi zidatangirwa ku zindi nzego z’imitegekere y’Igihugu mu Mujyi wa Kigali;
- Kwita ku bikorwa byo kubungabunga umutekano w’abantu n’ibintu mu Mujyi wa Kigali;
- Guteza imbere ibikorwa remezo mu Mujyi wa Kigali no gutanga umurongo ngenderwaho w’uko bishyirwa mu bikorwa;
- Gutanga umurongo ku bugenzuzi bw’ibikorwa remezo bukorwa n’izindi nzego z’imitegekere zo mu Mujyi wa Kigali no gukora ubugenzuzi bw’imishinga minini iri ku rwego rwawo;
- Gukora igenamigambi ry’itwara ry’abantu n’ibintu mu Mujyi wa Kigali no kurishyira mu bikorwa;
- Gushaka umutungo no gushyiraho ingamba n’amabwiriza yo gukusanya imisoro n’amahoro hakurikijwe amategeko abigenga;
- Gutera inkunga Uturere two mu Mujyi wa Kigali mu byerekeye ubukungu n'amajyambere;
- Guteza imbere no gukurikirana ibikorwa by’ishoramari mu Mujyi wa Kigali.

Iyi raporo iragaragaza ibikorwa by’ingenzi byagezweho mu gihembwe cya kane 2015/2016, byakozwe hashingiwe ku nshingano, icyerekezo, imihigo na gahunda y’ibikorwa by’Umujyi wa Kigali. Ibyagezweho bigaragazwa mu nkingi zikurikira:

1. Ubukungu;
2. Imibereho Myiza;
3. Imiyoborere myiza n’Ubutabera.

# I. INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI

## 1. IBYAGEZWEHO N'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI

| IBYARITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO MU GIHEMBWE | IBIPIMO | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **Gutegura no gukora inama z'Inama Njyanama zisanzwe za buri gihembwe nk'uko biteganywa n'itegeko** | Komisiyo y'Imari n'Iterambere yarateranye isuzuma inyandiko zagombaga gushyikirizwa inama Njyanama zikurikira:<br>- Raporo y'ibikorwa by'Umujyi wa Kigali y'igihembwe cya kane 2014/2015, hamwe n'iy'umwaka wa 2014-2015;<br>- Raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Umujyi wa Kigali umwaka wa 2014-2015;<br>- Raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'Imari y'Umujyi wa Kigali, umwaka wa 2014/2015;<br>- Raporo ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'itangwa ry'amasoko y'igihembwe cya kane 2014/2015 n'umwaka wa 2014/2015;<br>- Raporo y'ibikorwa by'Umujyi wa Kigali y'igihembwe cya mbere 2015-2016;<br>- Raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'igihembwe cya mbere 2015-2016;<br>- Raporo ku mikoreshereze y'ingengo y'Imari y'igihembwe cya mbere 2015-2016;<br>- Raporo ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'itangwa ry'amasoko y'igihembwe cya mbere 2015-2016;<br><br>- Abajyanama b'Umujyi wa Kigali bari muri *Commission Economique* basuye uruganda rwubatswe n'ikigo cy'ubwubatsi cya NPD ruconga amabuye azasaswa mu mihanda itandukanye yubakwa mu Mujyi wa Kigali yo mu mushinga wa 70.268km. | | | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| |   <br>Ikirombe gicukurwamo amabuye Abajyanama basuye uruganda Amabuye yaconzwe<br>- Raporo y’imicungire y’Imari mu Mujyi wa Kigali;<br>- Raporo y’ishyirwa mu bikorwa ry’imihigo mu Mujyi wa Kigali;<br>- Raporo y’Imitangire y’Amasoko mu Mujyi wa Kigali;<br>- Raporo y’ibikorwa by’Umujyi wa Kigali muri rusange;<br>-Gusuzuma umushinga w’Ingengo y’Imari umwaka wa 2016/2017.<br>-Kwiga ku mushinga w’inyubako ya Koperative icyerekezo kugira ngo uwo mushinga ugezwe ku nama y’Inama Njyanama idasanzwe yateranye ku wa 30 Kamena 2016;<br><br>-Kwemeza gahunda y’ibikorwa yagombaga gushyikirizwa Inama Njyanama idasanzwe yo ku wa 30 Kamena 2016.<br><br>Ibindi byakozwe harimo:<br>- Gutegura gahunda irambuye y’ibikorwa bya Komisiyo y'Imari n’Iterambere ry'Ubukungu ;<br>- Gutegura *descente* ya Komisiyo y'Imari n’Iterambere ry'Ubukungu | | | |
| | Abajyanama bari muri Komisiyo ishinzwe iterambere ry’Imibereho Myiza y’Abaturage basuye Ikigo Nderabuzima cya Bumbogo na Busanza mu rwego rwo gukurikirana uko ikibazo k’imirire mibi gihagaze mu bana bakiri bato.<br><br>Abajyanama kandi bakoze igikorwa cy’iminsi 6 guhera taliki ya 27/10/2015 kugera taliki ya 2/11/2015 cyo gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya za “recommendations” zatanzwe ku byari byagaragaye bitagenze neza mu Turere muri Assesment yakozwe ku mibereho myiza y’abaturage mu Turere mu ntangiro z’umwaka wa 2015. | | | |

Abajyanama bari muri Komisiyo ishinzwe Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Abaturage bafatanyije n'abakozi b'Umujyi wa Kigali bakoze igikorwa cy'isesengura ku bikorwa bigamije kurengera abatishoboye (social programs) ryakozwe mu Turere twose tw'Umujyi wa Kigali.

Ibikorwa byasuwe ni ibi bikurikira:

1. **Gahunda ya VUP n'Ubudehe**




2. **Kubakira Amacumbi Abantu Batishoboye**
3. **Gufasha Ibyiciro byihariye by'Abatishoboye (Abasheshe Akanguhe, Abantu bafite Ubumuga, Abahejwe inyuma n'amateka, n'urubyiruko rwavuye Iwawa)**



Inzu yasanwe Mageragere



Koperative icyizere y'abafite ubumuga

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | 4. **Inkunga yo Gufasha Abatishoboye ituruka (MINALOC, MIGEPROF NA NCPD)**<br><br>5. **Imikemurire y'ikibazo cy'imitungo y'imfubyi za Jenoside**<br><br>6. **Gufasha Incike za Jenoside**<br><br>7. **Gukura Abana mu Bigo by'imfubyi**<br><br><br><br>8. **Gahunda ya Girinka**<br><br><br><br>9. **Abanyarwanda bahungutse no kurwanya ibiza** | | | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| |  <br>**Inzu batujwemo ibweramvura /jabana** **Amwe mu mazu yasenywe n'ibiza** | | | |
| | Abajyanama bari muri Komisiyo y'Imiyoborere bagiranye inama n'abashinzwe campanies za Transport mu Mujyi wa Kigali baganira ku birebana n'uko ikibazo cya transport gihagaze mu Mujyi wa Kigali banarebera hamwe ibibazo bikunze kugaragara muri transport kugira ngo barebere hamwe uburyo byakemuka;<br><br>Habayeho kwiga ku gikorwa kijyanye n'itwara ry'abantu n'ibintu mu Mujyi wa Kigali;<br><br>-Gusuzuma uburyo hajyaho gahunda yo gusura abaturage mu gihe cy'umuganda wa buri kwezi | 100% | - | - |
| | Abajyanama bagize Komisiyo ishinzwe kurwanya akarengane basuye abaturage bandikiye Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bayisaba kubarenganura. | 100% | - | - |
| | Hateranye Komite Ngenzuzi yigaga ku ngingo irebana na raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ku ishyirwa mu bikorwa ry'Igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali. | 100% | - | - |
| **Ibikorwa by'Umuganda** | Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali bitabiriye ibikorwa by'Umuganda mu Mirenge itandukanye iri mu Turere tw'Umujyi wa Kigali ndetse banagirana ibiganiro n'abaturage bigamije gushaka ibisubizo byabaga byabajijwe n'abaturage. | 100% | - | - |


| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| |  **Amwe mu mafoto ajyanye n'ibikorwa by'umuganda byakozwe** | | | | |


# II. KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI N'UBUNYAMABANGA NSHINGWABIKORWA


# 1. IBYAGEZWEHO MU BUKUNGU

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **1.1 IBIKORWA REMEZO** | | | | |
| **Umushinga wo kubaka imihanda y'amabuye (70.268 km)**<br>**Ibirometero 10 biriho laterite; Ibirometero 10 bifite inzira z'amazi n'Ibirometero 20 biriho amabuye (cobbled stone pavement)** | Hakozwe foundation kugera kuri 3.3 km, hubakwa inzira z'abanyamaguru kuri 2.4 km hanubakwa n'imiyoboro y'amazi kuri 4km.<br><br>*Uruganda ruconga amabuye ruri i Nyarubaka rwagombaga gutanga amabuye* | 60 % | Uruganda rutanga umusaruro muke w'amabuye | Kubera umusaruro muke w'uruganda rw'amabuye rutanga hafashwe ingamba ko imihanda yari gushyirwamo amabuye izashyirwamo kaburimbo. |
| **Kubaka imihanda y'amabuye (35.104 km)**<br>-Gutsindagira igitaka (laterite) ku burebure bwa km 5 no gusasa amabuye ku km 10 | -Hakozwe imirimo yo gusiza kuri 3km,<br>-Hubatswe foundation kuri 1.2km, hamwe n'inzira z'amazi kuri 2km.<br>Gusasa amabuye ntibyatangiye kubera ubushobozi buke bw'uruganda. | 80 % | Uruganda rutanga umusaruro muke w'amabuye | Kubera umusaruro muke w'uruganda rw'amabuye rutanga hafashwe ingamba ko imihanda yari gushyirwamo amabuye |


| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | | | | izashyirwamo kaburimbo. |
| **Kubaka umuhanda wa Gisozi-Karuruma (2.452 km)**<br>Kurangiza imirimo yo kubaka umuhanda | -Habayeho kumvikana ku gaciro k'imitungo 2 yari yakorewe igenagaciro mvuguruza yoherezwa muri RTDA ngo yishyurwe isangayo indi mitungo 22 itarishyurwa.<br><br>-Hasigaye ibibanza 5 bitarishyurwa kubera ko benebyo batarabona ibyangombwa.<br><br>-Imirimo yo kubaka umuhanda yaratangiye hakozwe n'imirimo ijyanye no gusiza kugera kuri 1.8Km.<br><br><br>**Photo:Umuhanda Gisozi-Karuruma** | 40 % | Inzitizi yo kubonera ku gihe amafaranga ya « Expropriation » ndetse n'ibibazo bijyanye n'igenagaciro mvuguruza kuri bamwe mu baturage | Kwihutisha imirimo yo kwishyura abaturage no kwihutisha iyubakwa ry'umuhanda. |
| **Kubaka umuhanda wa Niboyi-Kabeza (1.8 km)**<br>-Kurangiza 100% imirimo yo kubaka umuhanda. | Imirimo yose yari iteganijwe yarakozwe umuhanda wakirwa by'agateganyo (provisional handover). | 100 % | - | - |
| **Umushinga wo kubaka umuhanda** | -Imirimo yo gushyira *base* ku muhanda yararangiye<br>-Kaburimbo yashyizweho<br>-Amatara yashyizwe ku muhanda. | 100 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **wa Kibagabaga-Kinyinya (5.6km)**<br>Kurangiza 100% imirimo yo kubaka umuhanda. | Umuhanda warakiriwe, rwiyemezamirimo yerekwa inenge zo gukosora, ubu bari gukosora ibyo yasabwe. | | | |
| **Kubaka umuhanda wa Kanombe *Diviation* (2.1km)**<br>- Kurangiza ibikorwa byo kubaka umuhanda | -Imirimo ijyanye no kubaka umuhanda yararangiye;<br>-Inzira z'abanyamaguru no gusiga amarangi (signalization) byararangiye;<br>-Hashyizweho amatara amurikira umuhanda.<br> <br>**Photo:Kanombe Deviation (2.1Km)** | 100 % | - | - |
| **Umushinga wo kubaka umuhanda wa Kigali Convention Center Access road (1.356km)**<br>Kurangiza ibikorwa byo kubaka umuhanda 100% | -Imirimo ijyanye no kubaka umuhanda yararangiye;<br>-Hashyizweho amatara amurikira umuhanda.<br> <br>**Photo: Kigali Convention Center Access Roads** | 100 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **Kubaka Kabuga Fuel Tank Access road (1.5 km)**<br>Kurangiza ibikorwa byo kubaka umuhanda | Imirimo ijyanye no kubaka umuhanda yararangiye.<br><br>**Photo**: **Kabuga Fuel Tank Access road** | 100 % | - | - |
| **Umushinga wo kubaka umuhanda wa Masaka (1.1km)**<br><br>**Umuhanda wa Rusororo (2.5km)** | Imirimo yo gutangira kubaka uyu muhanda ntiratangira bitewe nuko hari indi mihanda itararangira gukorwa kandi biri kumwe muri *contract* imwe iyo mihanda akaba ari Kanombe Barracks na *Rusororo Access roads*.<br><br>**Photo:Rusororo Roads** | 90 % | - | - |
| **Kurangiza kubaka umuhanda wa Polisi Denis-Top tower hotel (1km) kugera kuri 30%** | -Imirimo ijyanye no kubaka umuhanda yararangiye;<br>-Hubatswe *round about*, hanashyirwaho amatara amurikira umuhanda. | 100 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | <br>**Photo:Umuhanda Polisi Denis-Top tower** | | | |
| **Umushinga wo kubaka umuhanda wa Kigali Convention Center Access road (1.356km)** | -Imirimo ijyanye no kubaka umuhanda yararangiye;<br>-Hubatswe *round about*, hanashyirwaho amatara amurikira umuhanda.<br><br>**Photo:Kigali Convention Center Access road** | 100 % | - | - |
| **Kurangiza kubaka umuhanda wa New Times Head Office-Great Wall Chinese Restaurent (1km)-KG 501St kugera kuri 30%** | Imitungo yose yarishyuwe uretse imitungo ibiri (2) yonyine.<br><br>Abaturage batangiye gukangurirwa gusenya byihuse kugirango imirimo yo kubaka itangire vuba. | 100 % | - | - |
| **Gusana imihanda yo mu Mujyi wa Kigali** | - Ibinogo byose byabonetse mu mihanda ishaje byarasanwe. | 100 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| Gusana imihanda yose ikeneye gusanwa mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) | - Hasanwe imihanda, hanakorwa *overlay* hubakwa inzira z'abanyamaguru n'inzira z'amagare.<br><br>Imwe mu mihanda yasanwe ndetse ikanashyirwamo inzira z'abanyamaguru ndetse n'amagare | | | |
| Gukora inyigo y'imihanda izengurutse Umujyi wa Kigali **"Ring road"** | Imirimo yari iteganyijwe iriho irakorwa "detailed design", raporo ya nyuma (Final report) yagombaga gutangwa mu kwezi kwa Gicurasi 2016 haza kubaho ikibazo cy'uko Rwiyemezamirimo atigeze atangira ku gihe ibyo RTDA yamuhaye gukosora. | 95 % | Rwiyemezamirimo ntiyubahirije igihe mu gutanga ibyo yahawe gukosora | Gukurikirana Rwiyemezamirimo kugirango akosore vuba ibyo yahawe gukosora na RTDA |
| Umushinga wo gukora inyigo za **"Junctions"** | Inyigo irambuye ya nyuma irimo gukorwa (Final detailed study).<br><br>1.Giporoso<br>2. Gisimenti<br>3. Gishushu<br>4. Kimironko<br>5.Gisozi/Kinamba<br>6. KicukiroCentre<br>7. Nyabugogo | 90 % | Habaye imbogamizi yo kwishyura Rwiyemezamirimo | Kubahiriza ibikubiye mu masezerano RTDA yagiranye na Rwiyemezamirimo mu bijyanye n'imyishyurire. |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **Umushinga wo gukora inyigo ya "BRT/Intergrated transport system"/30%** | Hamaze kuboneka abazakora inyigo y'uyu mushinga. Uwatsindiye isoko yaramenyekanye, ubu hari *phase* ya *contract negotiation*. | 30 % | Habayeho imbogamizi yo gusubiramo isesengura ry'inyandiko kuko hari abari bagaragaje ko batanyuzwe n'ibyavuye mu isesengura. | Gukurikirana umunsi ku wundi aho inyigo y'umushinga igeze. |
| **Umushinga wo gukora inyigo ya "Centralized sewerage system"** | Hakozwe raporo zikurikira:<br>➢ Engineering design report and Drawing album;<br>➢ Financial feasibility study<br>➢ Stakeholder engagement Plan<br>➢ Resettlement Policy Framework study<br>➢ Ground investigation report<br>➢ ESIA<br>➢ Tender documents;<br>➢ Kigali central sewerage- Institutional, Economic and Financial Analysis | 100 % | - | - |
| **Kuzibura umugezi wa Nyabugogo Kurangiza kuzibura umugezi** | Ibikorwa byose byari biteganyijwe mu gikorwa cyo kuzibura umugezi wa Nyabugogo cyararangiye<br><br>**Photo:Ifoto (Map) igaragaza umugezi wa Nyabugogo** | 100 % | - | - |
| **Gushyira amatara ku mihanda yo mu Mujyi wa Kigali ifite** | Imirimo yari iteganijwe yose ijyanye no gushyira amatara ku mihanda ku birometero 25 yarakozwe irarangira. (Kurangiza | 100 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **uburebure bwa 25 km.**<br><br>**Umushinga wo gushyira amatara ku muhanda wa Gahanga-Nyabarongo (9km).** Kurangiza imirimo kuri 100%. | gushinga amapoto no kuyashyiraho “cross arms”; Gukora “installation” ya “control boxes; transformers” kimwe na accessories zayo; Kwatsa amatara).<br><br>Hakozwe kandi imirimo ijyanye no gushyira amatara ku burebure bwa 9km; ikaba yararangiye.<br><br>1  2<br><br>**<u>Photo</u>: Imihanda yashyizweho amatara (1.Gishushu-INILAK 2.Gahanga 9km)** | | | |
| **Umushinga wo gusana amatara yo ku mihanda** | Hasanwe amatara amurikira imihanda yose yo mu Mujyi wa Kigali ku burebure bwa 285Km; kimwe n’ayagonzwe nayo ahita asimbuzwa.Uretse imihanda hasanwe n’amatara yo muri Gare ya Kabuga; Remera; Kimironko kimwe na Nyabugogo. | 100 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | <br><br>**Photo: Imashini yifashishwa mu gusana amatara** | | | |
| **Umushinga wo kunoza itwara rusange ry'abantu**<br><br>**Kongera umubare wa bus 50** | Haguzwe imodoka zirindwi (7) nshya ziyongereye ku zisanzwe zose hamwe ziba 73 muri uyu mwaka.<br><br>Zone I: 0<br><br>Zone II: 0<br><br>Zone III: 0<br><br>Zone IV: 7<br><br><br>**Photo: zimwe mu modoka nshya zaguzwe Public Transport Operators.** | | | |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **Gushyira Free WI-FI 4G LTE mu modoka 400.** | “Routes” zaratoranijwe (*all trunk routes*); hatoranyijwe imodoka zifite imyanya iri hejuru ya 25.<br><br>Imodoka 487 zashyizwemo *device* itanga *free Wi-Fi*<br><br><br>Itangizwa ku mugaragaro ry’ikoreshwa ry’ikoranabuhanga ryabereye muri *Downtown Terminal*.<br><br>Hatangijwe ikoreshwa ry’ikoranabuhanga (Smart Card) mu kwishyuza ku mihanda 15 muri zone I n’imihanda 3 muri zone II n’iya IV. | 100 % | - | - |
| **Gutangiza ibyerekerezo 10 (lignes)** | Hatangijwe ibyerekezo bitanu(5) muri iki gihembwe;<br>Mu mwaka wose hatangijwe ibyerekezo cumin a bibiri (12).<br><br>**Ibyerekezo byatangijwe:**<br>1. Bumbogo- Zindiro-Kimironko Gare<br>2. Bumbogo-Zindiro-Controle technique- CBD<br>3. Bumbogo-Zindiro-RDB-Nyabugogo<br>4. Kanombe-Remera-Chez Lando-Kimihurura-CBD | 100 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | 5. Gikondo-Kanogo-Kimihurura-Kacyiru<br>6. CBD-Nyamirambo- Rwarutabura- Miduha<br>7. Miduha-Mageragere<br>8. Kabuga-Masaka-Rusheshe<br>9. Nyabugogo-Runda (Ruyenzi)-Gihara<br>10. Remera-Mulindi-Gasogi-Cyaruzinge<br>11. Remera-RDB-Nyarutarama-Kagugu<br>12. Kicukiro Centre-St Joseph-Kabeza | | | |
| **1.2. IMITURIRE N'IMITUNGANYIRIZE Y'UMUJYI WA KIGALI** | | | | |
| **Kwakira, gusuzuma no gusura imishinga y'abashoramari** | Hakiriwe abashoramari 24;<br><br>Habayeho ubusabe bw'abashaka kubaka bungana na 35;<br><br>Hatanzwe impushya 106 | 100 % | - | - |
| **Gukurikirana imishinga y'ubwubatsi y'abashoramari iri muri gahunda yo gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali. (*Follow up on key projects under Imihigo, Sales and Development Agreements*)** | Hakurikiranwe imishinga y'ubwubatsi y'abashoramari iri muri gahunda yo gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali. (*Follow up on key projects under Imihigo, Sales and Development Agreements*).Iyo mishinga ikaba ari iyi ikurikira:<br><br>- Acacia,<br>- Equity Holdings,<br>- Prime Excellence Group,<br>- Muhima Investment Group,<br>- Rwanda Paints,<br>- RSSB Plot<br>Hateguwe kandi hanashyirwa mu bikorwa presentation y'umushinga<br><br>➢ Hateguwe kandi hakorwa inama zitandukanye n'abashoramari bifuza kubaka uruganda rw'ibikoresho by'ubwubatsi hamwe n'abashoramari bafite ubutaka mu | 100 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | gice giherereyemo GT Bank na Camellia tea house ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'Igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali;<br><br>➢ Hitabiriwe amahugurwa ku mitunganyirize y'imiturire hibandwa ku mategeko n'amabwiriza agenga imyubakire n'imitunganyirize y'Imijyi mu Rwanda;<br><br>➢ Hatangijwe inyigo yimbitse ku bijyanye na *Special Zones* (muri Master Plan) by'umwihariko ahagenewe amarimbi (graveyards) no guteganya (recommendations) uko zashyirwa mu bikorwa.<br>6. Hakurikiranwe kandi imishinga ya Local Area Plans za Gasabo District (KIBENGA, RUDASHYA, NYABIKENKE, BIREMBO, RUBUNGO, GISOZI AND GASHARU).<br><br>7. Hakurikiranwe kandi imishinga ya Local Area Plans za Kicukiro District (Nunga na Karembure).<br><br>8. Hagaragajwe ibyavuye mu nyigo ya Meraneza na *Tapis rouge*;<br><br>10. Hakurikiranwe kandi imishinga ya Local Area Plans za Kicukiro na Nyarugenge Districts (Nunga and Rwesero parcellation).<br><br>11. Kwemeza igishushanyo cyihariye cy'ahateganyirijwe inganda nto n'iziciriritse i Gahanga<br><br>12. Gushakisha *sites* zizatunganywa kugira ngo haboneke *parkings* mu bice binyuranye by'Umujyi wa Kigali<br><br>13. Gukurikirana ibikorwa bya REG byo gushakira ahazashyirwa *Stations* nto z'amashanyarazi mu bice bya *Mt Kigali na Gahanga*. | | | |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **Guteza imbere amazu aciririce (Affordable housing) cyane cyane aha hakurikira:**<br><br>**Umushinga wa Rugarama,Batsinda** | **<u>Umushinga wa Rugarama</u>**<br>• Hateguwe amabaruwa asaba abaturage bamaze kwishyurwa kwimuka bakajyana n'ibikoresho bigize inyubako zabo ariko bigakorwa mu gihe kitarengeje iminsi 30, ubu ingo zisaga 25 zikaba zaramaze gusenya no kwimuka.<br><br>**<u>Photo</u>: Rugarama site**<br><br>**<u>Umushinga wa Batsinda II</u>**<br>•Hakozwe inama irebera hamwe uburyo imirimo yo kubaka yatangira ndetse n'uburyo bwo kugenzura imirimo yo kubakwa bwazakorwa.<br>Imirimo yaratangiye.<br>***<u>Photo</u>:*** ***Image of Batsinda site***<br><br>**<u>Umushinga w'Agatare</u>** | 80 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | • Umuhanda w'amabuye uva ku isoko rya Biryogo waruzuye ubu ni nyabagendwa hasigaye gutera ibiti.<br><br>**Photo: Umuhanda w'amabuye uri mu Agatare** | | | |
| **Inama ya METRO LAB** | **Gutegura METRO_LAB**<br>• Hateguwe inama ya **MetroLab** igenda neza, abayitabiriye bishimiye uburyo Umujyi wa Kigali waguka kandi utera imbere.<br>• Abitabiriye inama ya MetroLab bitabiriye igikorwa cy'Umuganda wabereye mu Murenge wa Gahanga.<br>• Hateguwe amabaruwa ashimira abafatanyabikorwa bafashije Umujyi wa Kigali kugirango iyi nama mpuzamahanga igende neza abo ni World Bank, Muhanga District, SDC/SKAT and Strawtec Rwanda. | 100 % | - | - |

## 1.2 UBUGENZUZI BW'IMYUBAKIRE

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| Kugenzura inyubako zemejwe na *One stop center* y'Umujyi wa Kigali | Hagenzuwe inyubako 98 zahawe ibyangombwa byo kubaka na *One stop center* y'Umujyi wa Kigali.<br><br>Muri izo nyubako 31 zahagaritswe by'agateganyo.<br><br>Mu gihe cy'ubugenzuzi hagaragaye amakosa akurikira:<br><br>- Kubaka ibitandukanye n'ibyo bemerewe;<br>- Gutangira gukorera mu nyubako nta ruhushya rwo gukoresha inyubako bafite<br>- Kubakira ku ruhushya rwo kubaka rwarengeje igihe | 100 % | - | - |
| Kugenzura inyubako zubatswe mu buryo bw'akajagari | Hakozwe ubugenzuzi bw'inyubako 142 mu rwego rwo kurwanya akajagari mu Turere tugize Umujyi wa Kigali. Hasuzumwe kandi inyubako ziherereye mu gice cy'igishanga. | 100 % | - | - |
| Gukoresha inyubako ibyo zagenewe | -Hagenzuwe inyubako 23 zikorerwamo ibyo zitagenewe gukorerwamo (*change of usa*ge) mu Turere tugize Umujyi wa Kigali.<br><br>-Muri rusange inyubako byagaragaye ko zikorerwamo ibi bikurikira: Utubari, restaurant, amacumbi (lodge), amaduka, biro (*offices*). | 100 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **1.3 IGENAMIGAMBI RUSANGE** | | | | |
| Gushyira amazina ku mihanda "**street addressing**" | Hakiriwe imirimo yo gushinga ibyapa by'amazina burundu (final reception) hagati ya Rwiyemezamirimo K-CREA n'Umujyi wa Kigali. | 100 % | - | - |
| **Network maintenance, repair , spare parts and cabling** | *Maintenance* na *Troubleshoot* ya *network* byarakozwe ahagaragara ikibazo . | 100 % | - | - |
| **Data Backup** | Habayeho gukangurira abakozi kubika inyadiko kuri server kugirango hagabanuke *risk* ya kubura *document*. | 100 % | - | - |
| **Document Tracking System e-mboni** | Hakurikiranywe e-mboni system ndetse hafashwa n'abakozi gukoresha e-mboni system | 100 % | - | - |
| **Igikorwa cyo kuvugurura "Website".** | Rwiyemezamirimo yarangije gushyiramo *contents* yahawe akaba ategereje kugaragariza Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali *website* nshya kugirango itangire gukoreshwa. | 100 % | - | - |
| **Gutegura Ingengo y'Imari na gahunda y'ibikorwa by'umwaka wa 2016/2017** | Hateguwe Ingengo y'Imari y'umwaka wa 2016-2017, yemezwa n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali tariki 30 Kamena 2016.<br><br>Hateguwe Igenamigambi ry'ibikorwa "Action Plan" ry'Umwaka wa 2016-2017. | 100 % | - | - |
| **Gusuzuma aho ishyirwa mu bikorwa ry'Imihigo y'Uturere** | Hakozwe isuzuma ryaho Imihigo y'umwaka wa 2015-2016 y'Uturere igeze ishyirwa mu bikorwa ndetse hanatangwa n'inama y'ibyakorwa kugirango babashe kwesa Imihigo bahize. | 100 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **tw'Umujyi wa Kigali** | | | | |
| **Gutegura imihigo y'Umwaka wa 2016/2017** | Hateguwe Imihigo y'Umwaka wa 2016-2017 yohererezwa MINECOFIN na MINALOC | 100 % | - | - |
| **1.4 ITERAMBERE RY'UBUKUNGU** | | | | |
| **1.4.1 Imyinjirize y'Imari** | | | | |
| **Gukurikirana umushinga wa Land Revenue Management System (LRMS)** | Hatangiye gukorwa ibiganiro byafasha mu guhuza linkage) LRMS na software yakira imisoro y'Inzego z'Ibanze ikoreshwa na *Rwanda Revenue Authority* na system kugira ngo izajye yifashishwa muri *Enforcement* y'imisoro. Hari kwegeranywa *data* zizafasha muri iki gikorwa. | 100 % | - | - |
| **Gukurikirana abacibwa amande y'Imyubakire mu Mujyi wa Kigali** | Hatanzwe inyandiko zishyuza amande kubatubahiriza amabwiriza y'imyubakire mu Mujyi wa Kigali, kugira ngo bishyure nk'uko biteganywa na *Recovery procedures* z'Umujyi wa Kigali. | 100 % | - | - |
| **Gutangiza no gukurikirana icyumweru cyahariwe imisoro tax week mu Turere tw'Umujyi wa Kigali** | Hatangijwe *Tax week* zisaba abasora kwitabira gusorera ku gihe mu Turere twose kandi hatangwa ibiganiro ndetse na *spot publicy* zinyuzwa kuri *radio* na *TV* mu rwego rwo kurushaho gusaba abasora kwishyura imisoro.<br><br>Hateguwe inyandiko z'ubukangurambaga zisaba abasora mu Turere twose bose kwitabira gutanga umusoro bikaba byaratangiririjwe mu Murenge wa Nyarugenge tariki ya 24/02/2016 bikazakorwa hose mu Mirenge isigaye no mu Turere twa Gasaba na Kicukiro. | 100 % | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | <br>Abaturage bitabiriye ari benshi igikorwa cyo gutangiza ku mugaragaro icyumweru cyahariwe imisoro | | | |
| **Gukurikirana amafaranga duterwa inkunga na LODA** | Hateguwe inyandiko zose zisaba amafaranga angana na 574,662,000Frw y'imishinga y'iterambere iterwa inkunga na LODA akaba yaratanzwe yose kugira ngo hishyurwe Rwiyemezamirimo. | 100 % | - | - |
| **Gukurikirana abaguze ibibanza by'Umujyi wa Kigali ko bishyura** | Hagurishijwe ibibanza by'Umujyi wa Kigali biherereye mu Murenge wa Kacyiru n'uwa Nyarugenge bifite agaciro kangana na **485,000,000Frw** kandi yose yageze kuri konti y'Umujyi wa Kigali. | 100 % | - | - |
| **Gukurikirana uko abaturage b'i Batsinda bishyura inzu za RSSB ku bufatanye n'Umujyi wa Kigali** | Hakozwe ubukangurambaga ku bufatanye na RSSB busaba abaturage b'i Batsinda kwishyura inzu bahawe, umaze kwishyurwa ahabwa uburenganzira mu nyandiko ku nzu ye nyuma yo gusuzuma ko nta mwenda afitiye RSSB. | 100 % | - | - |
| **Inama y'ubufatanyabikor** | Hakozwe Inama y'ubufatanyabikorwa hagati y'Umujyi wa Kigali na GIZ yari igamije kurebera hamwe uko GIZ izajya itera inkunga | 100 % | - | - |

<table>
<tr><th>IBITEGANYIJWE MU MWAKA</th><th>IBYAGEZWEHO</th><th>%</th><th>INZITIZI</th><th>INGAMBA</th></tr>
<tr><td>wa hagati y'Umujyi wa Kigali na GIZ</td><td>ibikorwa by'Umujyi wa Kigali no gusigasira ibikorwa bateye inkunga mu bihe byashize.</td><td></td><td></td><td></td></tr>
<tr><td>Gusuzuma no gusesengura raporo kuri gahunda ya Girubucuruzi zituruka mu Turere</td><td>Hakozwe isuzuma rya raporo zatutse mu Turere. Imbonerahamwe ikurikira ikaba igaragaza umubare w'abaremewe n'abakiri muri iyi gahunda.
<table>
<tr><th>Akarere</th><th>Abaremewe</th><th>Abakiri kuri site</th><th>Umubare wa free market</th></tr>
<tr><td>Gasabo</td><td>475</td><td>296</td><td>6</td></tr>
<tr><td>Nyarugenge</td><td>542</td><td>277</td><td>2</td></tr>
<tr><td>Kicukiro</td><td>634</td><td>210</td><td>6</td></tr>
<tr><td>Igiteranyo</td><td>1,651</td><td>783</td><td>14</td></tr>
</table></td><td>100 %</td><td>-</td><td>-</td></tr>
<tr><td>Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya Gahunda ya Girubucuruzi/free market</td><td>Hasuwe Imirenge SACCO zo mu Turere twa Kicukiro na Nyarugenge zahawe amafaranga yo gutanga ku bagenerwabikorwa ba Gahunda ya Girubucuruzi/Free market.<br>Byagaragaye ko abagenerwabikorwa batishyura neza amafaranga bahawe kandi byari mu masezerano bagiranye n'imirenge SACCO mbere yo guhabwa amafaranga.<br>Hasuwe kandi aho bacururiza.<br>Imbonerahamwe igaragaza uko iyi Gahunda ihagaze:
<table>
<tr><th>No</th><th>Umurenge sacco</th><th>Amafaranga yatanzwe n'Umujyi wa kigali</th><th>Amafaranga yahawe abagenerwabikorwa</th><th>Amafaranga yasigaye kuri konti adatanzwe</th><th>Amafaranga yishyuwe</th></tr>
<tr><td colspan="6">AKARERE KA GASABO</td></tr>
<tr><td>1</td><td>Remera</td><td>21,191,100</td><td>21,191,100</td><td>0</td><td>0</td></tr>
<tr><td>2</td><td>Kimironko I</td><td>26,950,000</td><td>26,950,000</td><td>0</td><td>0</td></tr>
</table></td><td>100 %</td><td>-</td><td>-</td></tr>
</table>

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| **3** | Gisozi | 37,750,000 | 16,400,000 | 1,800,000 | 1,500,226 |
| **Igiteranyo** | | **85,891,100** | **64,541,100** | **1,800,000** | **1,500,226** |
| **AKARERE KA KICUKIRO** | | | | | |
| 1 | Kagarama | 20,500,000 | 16,275,430 | 4,224,570 | 0 |
| 2 | Gatenga | 15,125,000 | 8,500,000 | 3,625,000 | 0 |
| 3 | Gikondo | 21,625,000 | 17,315,000 | 4,310,000 | 0 |
| 4 | Kigarama | 15,350,000 | 9,760,000 | 5,590,000 | 0 |
| **Igiteranyo** | | **72,600,000** | **51,850,430** | **17,749,570** | **0** |
| **AKARERE KA NYARUGENGE** | | | | | |
| 5 | Nyamirambo | 4,200,000 | 3,300,000 | 900,000 | 758,384 |
| 6 | Nyakabanda | 9,900,000 | 7,500,000 | 2,400,000 | 782,000 |
| 7 | Kimisagara | 10,100,000 | 8,800,000 | 1,300,000 | 308,400 |
| 8 | Gitega | 15,000,000 | 13,240,000 | 1,760,000 | 0 |
| 9 | Muhima | 15,000,000 | 15,000,000 | 0 | 105,000 |
| **Igiteranyo** | | **54,200,000** | **47,840,000** | **6,360,000** | **1,953,784** |

Itsinda riyobowe n'Umuyobozi wungirije w'Umujyi wa Kigali ushinzwe imibereho myiza y'abaturage rikaba kandi ryari rigizwe n'abayobozi bungirije b'Uturere tw'Umujyi wa Kigali bashinzwe imibereho myiza y'abaturage ndetse n'abakozi b'Umujyi wa Kigali n'ab'Uturere bakurikirana iyi gahunda naryo ryasuye abagenerwabikorwa ba Gahunda ya Girubucuruzi. Ibyavuye muri

<table>
<tr><th>IBITEGANYIJWE MU MWAKA</th><th>IBYAGEZWEHO</th><th>%</th><th>INZITIZI</th><th>INGAMBA</th></tr>
<tr><td></td><td>iri genzura bikaba byaramurikiwe abagize PFM ku rwego rw’Umujyi wa Kigali.<br><br><br>Photo: *Free market* ya Kimisagara</td><td></td><td></td><td></td></tr>
<tr><td colspan="5">

### 1.4.2 Ibarurishamibare

</td></tr>
<tr><td>Gukusanya imibare y’inganda zikorera mu Mujyi wa Kigali</td><td>Hakusanyijwe imibare y’inganda zikorera mu Mujyi wa Kigali. Muri rusange mu Mujyi wa Kigali habarurirwa inganda 137.<br>Imbonerahamwe ikurikira igaragaza imibare y’inganda zo mu Mujyi wa Kigali yakusanyijwe hakurikijwe ibyo zikora:
<table>
<tr><th>Icyo inganda zikora</th><th>Umubare</th></tr>
<tr><td>Izitunganya ibinyobwa (Beverages and Tobacco)</td><td>14</td></tr>
<tr><td>Izitunganya ibijyanye n'ubutabire (Chemicals - rubber - plastics)</td><td>19</td></tr>
<tr><td>Izitunganya ibiribwa (food processing)</td><td>50</td></tr>
<tr><td>Izikora ibikoresho byo mu nzu (furnitures).</td><td>17</td></tr>
<tr><td>Izikora ibijyanye n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro (mining and quarrying).</td><td>4</td></tr>
</table></td><td>100 %</td><td>-</td><td></td></tr>
</table>

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | *Non-metallic minerals* — 9<br>Izitunganya ibihingwa ngandurarugo byoherezwa hanze y'igihugu (*Processing Export crops*) — 9<br>Izitunganya imyambaro (*textiles and clothing*). — 1<br>Izitunganya ibijyanye n'icapiro (*wood paper and printing*) — 14<br>**Zose hamwe** — **137** | | | |
| **Gukusanya no guhuza imibare ku bikorwa remezo biri mu Mujyi wa Kigali** | Hakomeje igikorwa cyo gukusanya no guhuza amakuru ku bikorwa remezo biri mu Mujyi wa Kigali hagamijwe gukora ikusanyirizo ry'amakuru n'ikarita igaragaza aho biherereye.<br><br>Ni muri urwo rwego ku wa 19/01/2016 hakozwe inama yahuje Minisiteri y'ubuzima, Umujyi wa Kigali n'Uturere tuwugize ikaba yari igamije kwigira hamwe imitangire ya raporo y'imibare y'ubuzima cyane cyane mu mavuriro n'ibitaro byigenga kuko byagaragaye ko ariho hakiri ibibazo.<br><br>Muri iyo nama hakaba haremejwe urutonde rw'amavuriro yigenga akorera mu Mujyi wa Kigali yose hamwe akaba ari 181. | 100 % | - | - |
| **Gukurikirana igikorwa cyo gusesengura amakuru yavuye mu ishyirwa mu byiciro by'Ubudehe abaturage b'Uturere** | Nyuma y'aho habayeho igikorwa cyo gushyira abaturage b'Uturere tw'Umujyi wa Kigali mu byiciro bishya by'Ubudehe aho Akarere ka Nyarugenge kabimburiye utundi nyuma utundi natwo dugakurikiraho, amakuru yavuyemo akaba yarinjijwe muri mudasobwa ndetse agakorerwa isesengurwa. Hakurikiranywe igikorwa cy'ubujurire ku batarishimiye ibyiciro bashyizwemo. | 100 % | - | - |

<table>
<tr><th>IBITEGANYIJWE MU MWAKA</th><th>IBYAGEZWEHO</th><th>%</th><th>INZITIZI</th><th>INGAMBA</th></tr>
<tr><td>tw’Umujyi wa Kigali</td><td>Imbonerahamwe ikurikira irerekana umubare w’ingo zabaruwe hakurikijwe ibyiciro zashyizwemo nyuma y’aho habayeho ubujurire.<br><br><table>
<tr><th>Akarere</th><th>Icyiciro 1</th><th>Icyiciro 2</th><th>Icyiciro 3</th><th>Icyiciro 4</th><th>Ingo zose</th></tr>
<tr><td>Gasabo</td><td>3,289</td><td>29,082</td><td>73,175</td><td>5,888</td><td>111,448</td></tr>
<tr><td>Kicukiro</td><td>413</td><td>14,194</td><td>41,517</td><td>4,977</td><td>61,137</td></tr>
<tr><td>Nyarugenge</td><td>12,278</td><td>35,748</td><td>5,506</td><td>176</td><td>53,708</td></tr>
<tr><td>Umujyi wa Kigali</td><td>15,980</td><td>79,024</td><td>120,198</td><td>11,041</td><td>226,293</td></tr>
</table></td><td></td><td></td><td></td></tr>
<tr><td>Gukora raporo ya buri gihembwe igaragaza imikoreresherereze y’imari (financial report) ya gahunda ya Girubucuruzi/free market</td><td>Hateguwe raporo y’imikoreshereze y’imari (financial report) ya free market y’igihembwe cya kabiri n’icya gatatu ishyikirizwa urwego rw’igihugu NEP rukurikirana gahunda ya Girubucuruzi/freemarket (Kora Wigire).</td><td>100 %</td><td>-</td><td>-</td></tr>
</table>

### 1.4.3 Iterambere ry’Ishoramari

<table>
<tr><td>Gukurikirana ibikorwa by’abashoramari biri mu Mujyi wa Kigali</td><td>Mu rwego rwo kurushaho kwegera abashoramari no kumenya imbogamizi bahura nazo mu mirimo yabo Ubuyobozi bw’Umujyi wa Kigali bwasuye amakoperative atandukanye ku buryo bukurikira:<br><br>-MIG (Muhima Innovation Group);</td><td>100 %</td><td>-</td><td>-</td></tr>
</table>

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | -Koperative COPCOM;<br><br>-Koperative COCOMANYA<br><br>-Koperative Inkundamahoro | | | |
| **Gukurikirana igikorwa cyo kwimura abacuruzi b'imyaka bakorera muri Nyabugogo bakimukira mu isoko ryo ku Mulindi** | Mu rwego rwo kwimura abacuruzi b'imyaka bakorera muri Nyabugogo bagomba kwimukira mu isoko rishya ryo ku Mulindi, hakozwe inama yahuje Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali, Akarere ka Nyarugenge n'Umurenge wa Muhima n'abacuruzi b'imyaka bakorera muri Nyabugogo.<br><br>Hakaba harafashwe umwanzuro ko abo bacuruzi bagomba kuba bahagaritse ubucuruzi bw'imyaka bukorerwa Nyabugogo bitarenze tariki ya 01/05/2015 kugira ngo bikimukire mu isoko rishya ryo ku Mulindi. | 100 % | - | - |
| **Gutegura no gukoresha inama ya *Kigali Investment Forum*** | Hateguwe hanakorwa inama yahuje abashoramari bakorera mu Mujyi wa Kigali n'abayobozi b'Umujyi wa Kigali n'ab'Uturere twawo. Inama yitabiriwe n'abashoramari mirongo irindwi (70). | 100 % | - | - |
| | • **Ibibazo by'amaso (refractive errors; glaucoma,**<br>• **Myopia&hypermetropia) :** Hagaragaye ko 66.4% bafite ibibazo by'amaso muribo abagabo ni 60%, abagore 40%.<br><br><br><br><br>***Photo : Aha ni muri car free zone ahapimirwaga zimwe mu ndwara zitandura*** | | | |
| **Inama kubufatanye bw'Umujyi wa Kigali na Mercy Hospital** | Hakozwe inama ku bufatanye bw'Umujyi wa Kigali na Mercy Hospital yari igamije kureba ibyakongerwa mu birebana n'ubufatanye n'ibitaro bya Mercy Hospital. | 100% | - | - |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **Gukurikirana Amavuriro yahawe abaganga (Medicalized Health Centers)** | Hasuwe ibigo nderabuzima (Gatenga, Kanyinya, Nyarurenzi na Remera) mu rwego rwo gukurikirana igikorwa cyo guha abaganga amavuriro.<br><br>Muri ayo mavuriro hakaba haragaragaye ikibazo cy'imiti abaganga bandika itaboneka ku bigonderabuzima kimwe n'ibizami bisabwa n'abaganga bitaboneka ku kigonderabuzima by'umwihariko ikigonderabuzima cya Gatenga gifite ikibazo cy'abakozi bo muri laboratoire batahuguwe ku mashini zipima ibizamini. | 100% | Ikibazo cy'imiti abaganga bandika itaboneka ku bigonderabuzima kimwe n'ibizami bisabwa n'abaganga bitaboneka ku kigonderabuzima by'umwihariko ikigonderabuzima cya Gatenga gifite ikibazo cy'abakozi bo muri laboratoire batahuguwe ku mashini zipima ibizamini. | Gukora ubuvugizi hakongerwa urutonde rw'imiti n'ibizami bikorerwa kuri ayo mavuriro.<br><br>Gushaka uko icyo gikorwa cyanozwe;<br><br>Gushakira amahugurwa abakozi bakora muri Laboratoire zaya mavuriro. |
| **2.2.2 IBIDUKIKIJE** | | | | |
| **Gukora ubugenzuzi bw'isuku mu mihanda** | Hakozwe ubugenzuzi bw'isuku hagamijwe kwita ku isuku no kurushaho kurimbisha Umujyi wa Kigali. | 100% | Imwe mu mihanda | Gukomeza ibikorwa |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | Ubugenzuzi bwakozwe ku mihanda isohoka mu Mujyi wa Kigali ikorwa na Rwiyemezamirimo **Inema Company** na **Royal cleaning company (Ikondera company)** Ubugenzuzi bwitaye ku gukubura imihanda, gutoragura imyanda, gusibura za *rigole* hamwe na buze. Bikaba byarakozwe neza.<br><br>Hasuwe imihanda ifite ba rwiyemezamirimo bakorera mu Turere. Hakaba haragaragaye ba rwiyemezamirimo batagurira abakozi ibikoresho byabugenewe byo kwirinda. Bagiriwe inama banahabwa igihe ntarengwa kingana n'icyumweru cyo kuba bahaye abakozi ibikoresho byabugenewe.<br><br><br><br>Hakozwe ubugenzuzi mu mihanda itandukanye ahagaragaye ubusitani bwaraye, bukeneye gukatwa,<br><br><br><br>***Ubusitani bwaraye bwari bukeneye gukatwa*** | | idaorerwa isuku;<br><br>Abakozi bakora isuku mu mihanda badafite ibikoresho bihagije | by'ubugenzuzi bw'isuku mu mihanda kugirango isuku ikomeze igaragare. |
| **Gukora ubugenzuzi bw'isuku mu maresitora na bar 50** | ✓ Hakozwe igenzura ry'isuku muri restaurants na bars 20, hotels 10 na masoko 4 mu rwego rwo kureba isuku uko ihagaze | 95% | Isuku nke igaragara mu ma bars,hotel, | Gukora ubugenzuzi buhoraho mu ma bars,hotel, |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | ✓ Mu ma restaurants na bars muri rusange hagaragayemo kudatandukanya ibiribwa aho usanga ibiribwa bihiye bikivangwa n'ibibisi;<br>✓ Mu mahoteli hagaragaye isuku ndetse bagaragaje n'ibikoresho byabugenewe bihagije ;<br>✓ Mu masoko hagaragaye imibikire mibi y'inyama ukuyeho isoko rya kimironko rifite ububiko bw'amafi bumeze neza ;<br>✓ Mu masoko yose hagaragaye ikibazo cya bantu bacururiza amavuta mu macupa kandi adafite ubuziranege<br><br>**Poubere zo kw'isoko zishaje / abahakorera badafite ibibakingira**<br><br>**Amacupa bashyiramo amavuta barayoza n' amazi mabi mw'isoko** | | ndetse no mu masoko | ndetse no mu masoko |

<table>
<tr><td>Ubugenzuzi mu mashuri 15</td><td>Hakozwe ubugenzuzi mu mashuri cumi n'atanu (15) yo mu Mirenge Remera, Kagarama, Kicukiro na Gikondo ahagaragaye ibibazo bikurikira :<br><br>-Ikibazo cy'ubwiherero budaterwamo imiti igabanya umwuka mubi mu buryo buhoraho bigateza umunuko;<br><br>-Ibigo by'amashuri bitarwanije icyondo n'ivumbi n'ayafite ubusitani butitaweho;<br><br>-Ibigo by'amashuri bidafite amazi ya Wasac aho biba ngombwa ko bavomesha ibi bikabangamira ibipimo by'isuku kuko usanga ari nke.<br><br>-Ibigo by'amashuri bigaburira abanyeshuri bidafite uburiri kandi n'ibikoresho byo mu gikoni biba bitubahirije ibisabwa byabugenewe<br><br>-Ibigo by'amashuri bidafite stock z'ibiribwa n'ibifite stock zibitse nabi ibiribwa<br><br>-Amashuri akeneye gusanwa<br><br>Muri rusange amashuri yasuwe yagaragaje intambwe bateye mu rwego rw'isuku n'ibi bibazo byagaragaye hamwe na hamwe bishobora gukosorwa<br><br> <br><br>Ubusitani n'uburyamo kuri Kagarama Secondary School</td><td>100%</td><td>-</td><td>-</td></tr>
<tr><td>Gukora ubugezuzi mu bishanga</td><td>Hasuwe igishanga cya Nyabarongo ahari hagaragaye umwuzure ku gishanga cya Nyabarongo uturutse ku mvura nyinshi yari yaguye mu majyaruguru, abaturage</td><td>100%</td><td>Igishanga gikunda</td><td>Gukora ubuvugizi ku</td></tr>
</table>

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | by'umwihariko bakaba barasabwe gukomeza ingamba zo kwirinda ibiza bakangurirwa kudatura mu manegeka.<br><br><br><br>**Ifoto igaragaza umwuzure mu gishanga cya Nyabarongo**<br><br>Hakozwe kandi ubugenzuzi butandukanye mu Karere ka Gasabo ahari haramenwe igitaka n'abantu batandukanye aho ku bufatanye n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe kurengera ibidukikije REMA, Akarere ka Gasabo kandikiwe na REMA gasabwa gukomeza kubungabunga ibishanga biri muri ako karere birinda ko hagira umenamo igitaka. | | guhura n'imyuzure igihe haguye imvura nyinshi | nzego zibishinzwe cyane cyane REMA, MININFRA, hagakorwa gahunda ihamye yo gutunganya igishanga cya Nyabarongo;<br><br>Gushishikariza abaturage gutera ibiti ku nkengero z'umugezi |
| **Ubugenzuzi bw'ibirombe** | Hagenzuwe ibirombe by'umucanga bibarizwa mu Murenge wa Kinyinya hagaragayemo kutubahiriza amabwiriza agenga ubucukuzi bw'ibirombe. Ibirombe byarahagaritswe basabwa kubanza kubahiriza ibisabwa mbere yogukomeza akazi | 100% | - | - |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | <br>***Aha ni aho bacukura umucanga hadasubiranijwe***<br>Hagenzuwe ibirombe by'umucanga bibarizwa mu Murenge wa Kinyinya,Jabana, haragaragayemo kutubahiriza amabwiriza agenga ubucukuzi bw'ibirombe. Ibirombe byarahagaritswe basabwa kubaza kubahiriza ibisabwa mbere yogukomeza akazi.<br><br>*Ibirombe byo mu murenge wa Jabana* | | | |
| **Kubugabunga no kwita ku micungire y'imyanda** | Hakozwe ubugenzuzi ku kimoteri cya Nyanza aho umusozi wakozwe n'ibishingwe waridutse ugafunga umuhanda. Ubugenzuzi bwakozwe n' ishami ry'ubuzima n'ibidukikije hamwe n'ishami ry'ibikorwa remezo barikumw nitsinda rivuye MININFRA, WASAC, RESERVE FORCE. Mu ngamba zafashwe harimo kuhazitira, gushyiraho abazamu babuza abaturage bajyamo gutoraguramo iyarara | 98% | Habonetse inzitizi zuko nyuma y'uko imvura igwa ari nyinshi ikimoteri cya Nyanza | Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibigomba gukorwa ku |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | ari nabo bacukura muri ibyo bishingwe, no gutwikira no gutsindagira ahari haridutse<br><br>**Amafoto agaragaza ibishingwe binyanyagiye n'abantu barimo gutoragura ibyuma byo kugurisha.** | | cyaridutse kigafunga imihanda | kimoteri cya Nyanza. |
| **Gukurikirana ikimoteri cya Nduba** | Hasuwe ikimoteri cya Nduba hakurikiranwa imicungire y'ibishingwe no kwimura abaturage baturiye ikimoteri aho kugeza ubu bageze ku cyiciro cyo kubarura imirima y'abaturage, iyo mirima yabo nayo ikaba izaba yarangiye kwishyurwa mu mpera z'ukwezi kwa Kamena 2016.<br>-Hasunitswe imyanda ndetse irasanzwa kugirango izatwikirwe muri uku kwezi kwa Kamena 2016 kuko ari bwo isayo izaba yagabanutse muri gahunda yo gukumira amasazi n'izindi ngaruka ku buzima bw'abaturiye ikimoteri, ndetse no kubungabunga ibidukikije. | 100% | - | - |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | <br>**Ifoto igaragaza abakozi bashinzwe kurobanura ibishingwe n'indi igaragaza ibishingwe bibora bigiye gutwikirwa** | | | |
| **Ubugenzuzi bw'isuku mu ngo** | -Hakozwe ubugenzuzi bw' isuku mu ngo hagamijwe kureba uko isuku yo mu ngo z'icyaro imeze. Hasuwe imirenge y'icyaro harimo **Kanyinya, Kigali, Nduba, Masaka, Rusororo**.<br>-Hagaragaye isuku nke cyane cyane ku bwiherero ndetse no mu ngarane zitarakorwa neza.<br><br>**Photo:Ubwiherero bw'umuturage** | 90% | Isuku nke mu ngo | Gukora ubugenzuzi buhoraho mu ngo ziherereye cyane cyane mu duce tw'icyaro. |
| **Gukora ubugenzuzi bw'isuku n'ibidukikije mu magaraje 30** | Hakozwe ubugenzuzi mu magaraje 10 n'ibinamba 15 hagamijwe kureba aho ishyirwa mubikorwa ryo gushyira ama *pave* no kubahiriza ibindi bisabwa mu ma garage n'Ibinamba bigeze bikorwa. Hagaragaye isuku nke muri bimwe mu binamba ndetse no mu magaraje nubwo *pavement* yakozwe; | 95% | Isuku nke igaragara mu binamba n'amagaraje | Gukomeza gukora ubugenzuzi bw'ibinamba |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | Mu binamba haracyari umuco wo kurekura amazi mabi ajya mu gishanga ndetse no mu miyoboro y'amazi y'imvura. Hakaba hari ibinamba kuko bitubahirije ibyo byasabwe.<br><br>***Uburyo imyanda icurwa butanoze/ batangiye gukora pavoma***<br><br>***ikinamba kiri mu gishanga cyahagaristwe***<br>Hakozwe ubugenzuzi bugamije kurengera ibidukikije n'isuku mu ma garaje n'ibinamba. Hakaba harakozwe ubugenzuzi mu magaraje mirongo itatu (30).<br>Muri rusange hagaragaye isuku muri amwe mu magaraje ijyanye na *pavement* ukuyeho amagaraje. | | | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| |   | | | |

## 3. IBYAGEZWEHO MU MIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **3.1 IMIYOBORERE MYIZA** | | | | |
| **Ibitekerezo by'abaturage ku byerekeye ivugururwa ry'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda.** | Hateguwe kandi hakurikiranwa ingendo z'Abadepite n'Abasenateri basura abaturage batuye mu Mirenge yose y'Umujyi wa Kigali uko ari 35 guhera ku wa 20/07/2015 kugera ku wa 10/08/2015, bagirana ibiganiro n'abaturage mu Mirenge muri gahunda yo kwakira ibitekerezo byabo ku by'ingenzi byahinduka mu Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, ni nyuma y'aho abaturage benshi bari bamaze iminsi basaba ko ryahindurwa cyane cyane mu ngingo yaryo y'ijana na rimwe (101). | 100% | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | <br>Photo:Abaturage bitabiriye ibiganiro | | | |
| **Gusuzuma no gusubiza imyanzuro y'Inama Njyanama z'Uturere** | Hasuzumwe hanasubizwa mu gihe giteganywa n'amategeko imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo; Imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kicukiro n'iy'Inama Njyanama y'Akarere ka Nyarugenge zateranye zose muri uyu mwaka wa 2015/2016 yashyikirijwe Umujyi wa Kigali | 100% | - | - |
| **Gukurikirana ibibazo by'abaturage.** | Ku bufatanye n'umunyamategeko w'Umujyi wa Kigali hakurikiranywe ibibazo by'abaturage 13 byari byakusanyijwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC), hagaragazwa uko byakemuwe na raporo yabyo yaratanzwe. | 100% | - | - |
| **Gutegura umuganda rusange wa buri kwezi** | Hateguwe , hakurikiranwa hanatangwa raporo z'umuganda wa buri kwezi muri uyu mwaka wa 2015/2016, hanatangwa inama ku bikwiye kwitabwaho n'Uturere kugira ngo ibikorwa by'umuganda birusheho gutanga umusaruro. | 100% | ikibazo mw'igena migambi ry'ibikorwa by'umuganda | Gukangurira Uturere gukora igenamigambi ry'ibikorwa by'umuganda |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| |   | | | |
| **Gukosora imbibi n'amazina mu Nzego z'Ibanze** | Hakozwe igenzura habaho no kungurana ibitekerezo k'umushinga wo gusuzuma zimwe mu mbibi zikwiye gukosorwa mu nzego z'ibanze n'amazina amwe namwe adatunganye, raporo itangwa muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu kugira ngo bikosorwe. | 100% | - | - |
| **Amatora ya referandumu ya 2015** | Mu rwego rwo gukurikirana uko igikorwa cy'amatora ya Referendum ya 2015 kigenda mu Mujyi wa Kigali n'ibibazo byagaragaramo bigakemurirwa igihe ku bufatanye n'inzego bireba.<br><br>Hashyizweho itsinda rihuriweho n'abakozi b'Umujyi wa Kigali, Ingabo na Polisi by'Igihugu na Komisiyo y'Amatora ryakurikiranye imigendekere ya Referandumu kandi ritabangamiye umudendezo w'abaturage. Muri rusange amatora akaba yaragenze neza. | 100% | - | - |
| **Gukurikirana ibikorwa by'Itorero** | Ku bufatanye n'inzego z'ibanze hakurikiranywe igikorwa cy'Itorero ry'Urubyiruko rw'abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye mu mwaka w'amashuri wa 2015 ryabereye mu Turere dutatu tugize Umujyi wa Kigali kuva tariki ya 11 kugeza tariki 20 Mutarama 2016. | 100% | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | Hahujwe kandi hatunganywa raporo y'itorero ryabereye mu Turere dutatu tugize Umujyi wa Kigali kuva tariki ya 11 kugeza tariki 20 Mutarama 2016. | | | |
| **Gukurikirana no gutegura iyizihizwa ry'iminsi mikuru Ngarukamwaka** | Hateguwe iminsi mikuru ngarukamwaka ariyo iyi ikurikira:<br>-Gutegura no gukurikirana umuhango wo kwibuka ku nshuro ya 22 w'Intwari z'Igihugu;<br>-Umuhango wo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ku nshuro ya 22;<br>-Umuhango wo kwizihiza Kwibohora ku nshuro ya 22 ufite insanganyamatsiko igira iti: "Kwibohora, Twihesha Agaciro"; | 100% | - | - |
| **Kwongera ubushobozi bw'abakozi bo ku rwego rw'Akagari mu Mujyi wa Kigali** | Hateguwe kandi hanakorwa igikorwa cyo kongerera ubushobozi abakozi bo ku rwego rw'Akagali mu Mujyi wa Kigali aribo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagali ndetse n'umukozi ushinzwe Imibereho Myiza n'Iterambere ry'Ubukungu (SEDO), ayo mahugurwa akaba yarakozwe iminsi ine kuva 14 kugeza19 Mata 2016. | 100% | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| |  <br><br>Nyuma y'aya mahugurwa hafashwe imyanzuro ikurikira:<br><br>1. Kurushaho gusobanurira abo bashinzwe igishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali,<br>2. Kubahiriza amabwiriza n'amategeko agenga ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyo mbonera.<br>3. Kugira uruhare mu gushyira mu bikorwa igishushanyo mbonera, hubahirizwa amabwiriza agenga imyubakire hirindwa imyubakire mu kajagari,<br>4. Kurushaho gusobanukirwa no gusobanurira abo bashinzwe amategeko agenga imikoreshereze y'ubutaka hagamijwe kubamenyesha uburenganzira bwabo ndetse n'inshingano bakwiye kuzuza k'umutungo w'ubutaka.<br>5. Kwirinda ruswa mu mikorere yacu ya buri munsi, no gutanga amakuru igihe cyose arebana na ruswa.<br>6. Gutanga service nziza kubabagana, bakoresha neza ububasha bahabwa n'umwanya bariho.<br>7. Kubahiriza inshingano zabo z'akazi, ndetse no guharanira uburenganzira bwabo nk'uko bigenwa n'itegeko rigenga abakozi ba Leta n'umurimo. | | | |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | 8. Kurushaho kunoza ubufatanye mu gucunga umutekano, kunoza isuku no guca ubuzererezi.<br>9. Kugira uruhare mu gukusanya imibare fatizo ikenewe k'urwego rw'Akagari.<br>Raporo yarakozwe ishyikirizwa Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu. | | | |
| **Amatora ya y'inzego z'ibanze kugera ku rwego rw'Umujyi wa Kigali** | Hateguwe kandi hakurikiranwa igikorwa cy'amatora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze kuva ku rwego rw'Umudugudu kugeza k'Umujyi wa Kigali hakurikijwe uko yagiye akorwa mu byiciro binyuranye guhera tariki ya 06 Gashyantare kugeza tariki 29 Gashyantare 2016, ndetse n'ibibazo bito byagiye bigaragara byagendaga bikemurwa ku gihe ku bufatanye n'izindi nzego bireba. | 100% | - | - |
| **Gukurikirana ibibazo by'abaturage byagejejwe ku Mujyi wa Kigali** | Hakiriwe hanakurikiranwa ibibazo by'abaturage 21 muri byo 19 byarakemutse naho ibindi 2, bikaba bikigisuzumwa ngo bishakirwe umuti. | 99% | - | - |
| | Hakurikiranywe igiorwa kijyanye n'ikemurwa ry'ibibazo by'abaturage, aho abayobozi b'Umujyi wa Kigali n'ab'Uturere bamanuka buri wa gatatu bakajya gukemura ibibazo by'abaturage babasanze mu Tugari batuyemo.<br>  | 100% | | |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **Amarushanwa Umurenge Kagame Cup** | Hateguwe kandi hanakurikiranwa amarushanwa y'Umurenge Kagame Cup mu mikino itandukanye ihuza urubyiruko rwo mu Mirenge yo mu Mujyi wa Kigali mu rwego rwo gufasha urubyiruko rutagize amahirwe yo kurangiza amashuri, gusabana no kwibona muri gahunda za Leta hagamijwe kwimakaza amahame y'imiyoborere myiza.<br><br>Mu Turere tw'Umujyi wa Kigali, ayo marushanwa yatangiye ku rwego rw'Imirenge tariki ya 10 Werurwe 2016, amajonjora ku rwego rw'Umujyi wa Kigali yatangiye tariki 18 Gicurasi 2016 asozwa tariki 31 Gicurasi 2016, habonetse amakipe abiri azahagararira Umujyi wa Kigali ku rwego rw'Igihugu akurikira: Ikipe y'Abagabo y'Umurenge wa Jali ndetse n'ikipe y'abagore y'Umurenge wa Gatsata.<br><br>Ku rwego rw'Igihugu, imikino yatangiye tariki 05 Kamena 2016 isozwa tariki 11 Kamena 2016, ikipe zombi z'Umujyi wa Kigali arizo zegukanye intsinzi nyuma yo gutsinda ikipe z'Intara y'Iburasirazuba.<br><br> | 100% | - | - |
| **Ubukangurambaga mu kurwanya ruswa "Anti_corruption campaign "** | Hateguwe "Concept note" inyandiko ngenderwaho ijyanye n'igikorwa cy' ubukangurambaga bwo kurwanya ruswa n'Akarengane ku rwego | 100% | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | rw'Umujyi wa Kigali bugenewe inzego zitandukanye, yemezwa n'Inama ya Komite Nyobozi y'Umujyi wa Kigali.<br><br>Ku rwego rw'Umujyi wa Kigali hakozwe ubukangurambaga bugamije kurwanya ruswa n'akarengane bwabaye kuva tariki ya 13 kugeza tariki 19 Kamena 2016, bugamije ubukangurambaga ku kurwanya ruswa mu rwego rwo gukangurira abatuye Umujyi wa Kigali n'inzego zitandukanye gukumira no kurwanya icyo cyaha, ndetse no gukaza umurego mu gushyiraho ingamba zo gukumira no kurwanya ruswa.<br><br>Muri ubwo bukangurambaga hakozwe ibikorwa bikurikira:<br><br>1. Inama Nyunguranabitekerezo ku kurwanya Ruswa n'Akarengane<br><br> | | | |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | <br>2. Hatanzwe ubutumwa bwo kurwanya Ruswa n’Akarengane bwanyujijwe ku ma radiyo no kuri televiziyo,ubutumwa bwanyujijwe kandi ku byapa byamamaza<br>3. Amahugurwa yahawe abagize Inama Ngishwanama ku kurwanya Ruswa n’Akarengane<br><br>**<u>Photo</u>: Inama Ngishwanama ku kurwanya Ruswa n’Akarengane** | | | |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **Ubugenzuzi bw'imikorere y'Uturere** | Hakozwe ubugenzuzi bw'Imikorere y'Uturere bwari bugamije kureba Serivisi zitangwa mu butaka (One Stop Center), kureba ko imyanzuro yavuye mu isuzuma ryakozwe mbere yashyizwe mu bikorwa, Imitegurire y'umuganda, ikemurwa ry'ibibazo by'abaturage, Imiyoborere myiza n'imikorere y'Inama Njyanama uko byubahiriza amategeko n'amabwiriza aba yarashizweho.<br> <br>**<u>Photo</u>:Igikorwa cy'Ubugenzuzi mu Turere** | 100% | - | - |
| **Isuzuma y'amarushanwa y'Imidugudu mu Miyoborere Myiza** | - Hateguwe inyandiko ngenderwaho (concept note) y'umuhigo ujyanye n'amarushwana y'Imidugudu mu Miyoborere Myiza ishyikirizwa abayobozi iremezwa kandi ishyikirizwa Uturere tw'Umujyi wa Kigali.<br>- Hakozwe kandi igikorwa nyir'izina cy'isuzuma ku rwego rw'Umujyi wa Kigali ry'umuhigo ujyanye n'amarushanwa y'Imidugudu mu Miyoborere Myiza, cyakozwe kuva tariki 30/05/2016 kugeza tariki ya 09/06/2016, icyo gikorwa kikaba cyari kigamije gukora isuzuma ry'imidugudu 10 yatoranyijwe na buri Karere, bityo hagatoranywamo Imidugudu 10 iba yarahize indi akaba ariyo ihabwa igihembo mu nama y'Inteko y'Umujyi wa Kigali. | 98% | Hagaragaye Imidugudu ine (4) itarabonetse ngo ikorerwe isuzuma kandi yaramenyeshejwe ku | Gukora ubukangurambaga buhoraho, bugamije gukangurira abayobozi b'Imidugudu akamaro ko gukora neza |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | | | gihe kandi nta n'impamvu yatanze zifatika. | inshingano zabo kuko ari rwo rwego rwegereye abaturage, kandi iyo rukoze neza rutanga ishusho nziza y'Imiyoborere Myiza |
| **3.2 UMUTEKANO** | | | | |
| **Umutekano** | Hatanzwe raporo y'ibyahungabanyije umutekano buri munsi. | 100% | - | - |
| **Gushaka no gufata abahungabanya umutekano bagashyikirizwa Police** | Gukurikirana *operations* mu Mirenge itandukanye yo gufata no gushakisha abahungabanya umutekano no gukaza umutekano kugirango abaturage babeho ntakibabuza umutuzo, buri munsi no mu minsi mikuru y'impera z'umwaka no gutangira undi. | 100% | - | - |
| **Gukurikirana ibikorwa byo kwibuka Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda 1994 mu kwezi kwa Mata kugeza ku minsi ijana.** | Hakozwe hanatangwa raporo ku bibazo byagaragaye birimo ingengabitekerezo n'ipfobya hamwe n'ibindi bikorwa bibi bikorerwa abacitse kw'icumu nko kubatoteza, kwandikirwa *tracts* zibatera ubwoba n'izibasesereza mu gihe cyo Kwibuka ku nshuro ya 22 Jenoside yakorewe Abatutsi 1994. | 100% | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **Buri kwezi hategurwa inama ihuza inzego z'umutekano zikorera mu Mujyi wa Kigali kugirango umutekano urusheho kubungwabungwa** | Hateguwe inama yahuje abayobozi b'inzego z'umutekano mu Turere tugize Umujyi wa Kigali, igamije kwigira hamwe ingamba zo gukomeza kubungabunga umutekano no gukumira ibyawuhungabanya. | 100% | - | - |
| **Gutegura inama ya komite y'umutekano yaguye n'iyitaguye y'Umujyi wa Kigali.** | Hateguwe inama y'umutekano y'Umujyi wa Kigali yigaga ku bibazo bitandukanye bijyanye n'umutekano muri rusange.Imyanzuro yavuyemo yashyikirijwe inzego bireba. | 100% | - | - |
| **Amatora ya Komite Nyobozi n'abajyanama b'Uturere hamwe n'Umujyi wa Kigali.** | Kubufatanye n'inzego z'umutekano hamwe na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, hakurikiranywe igikorwa cy'amatora hatorwa abagize Komite Nyobozi y'Uturere n'Umujyi wa Kigali. | 100% | - | - |
| **Gusuzuma imihigo yisuku n'umutekano no gushyira ahagaragara uko Imirenge yakurikiranye mu manota.** | Hashyizweho itsinda ririmo Ingabo, Polisi, DASSO, NISS na *Reserve Force* rigenzura umuhigo ku wundi muri raporo z'ibyakozwe. Habaho ibyiciro bibiri, icya mbere hasuzumwa umutekano, icya kabiri aricyo cya nyuma hagasuzumwa isuku n'umutekano. Nyuma hagashyirwa ahagaragara amanota yavuyemo ari naho hagaragarira Imirenge uko yakurikiranye. | 100% | - | - |
| **Gukora ubugenzuzi mu nyubako nini hagamijwe kureba umutekano wazo** | Hasuwe amazu yakira abantu benshi, insengero, Petrol Stations, ibigo bya Leta, iby'igenga (banks) na hoteli. | 100% | - | - |

| IBITEGANYIJWE MU MWAKA | IBYAGEZWEHO | % | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| | Iki gikorwa kirimo itsinda ririmo abakozi b'Umujyi wa Kigali, Polisi, Ingabo, DASSO, NISS na Reserve Force rigenzura ko inyubako zifite ibikoresho bisabwa byo kubungabunga umutekano w'inyubako zabo n'ababagana.<br><br>Hakozwe Inspection ku nyubako 169, aho iri tsinda iyo ryasangaga batujuje ibisabwa, babagiraga inama cyangwa bakandikirwa ibaruwa n'Ubuyobozi bw'Umujyi wa Kigali basabwa kuzuza ibyo badafite, bagasabwa kuba babyujuje nyuma y'icyumweru uhereye ku munsi bakiriyeho ibaruwa. | | | |
| **4. UBUTABERA** | | | | |
| **Amadosiye ajyanye n'ibirego ashyikirizwa Mandateri wa Leta uburanira Umujyi wa Kigali**<br>**Aho Umujyi wa Kigali uba warezwe ugomba kwitaba inkiko** | Hakozwe amadosiye yo gutegura imanza zitandukanye makumyabiri n'ane (45) | 100% | - | - |
| **Gukora no gusesengura amasezerano Umujyi wa Kigali ugirana naba Rwiyemezamirimo ku bikorwa bitandukanye** | Hakozwe hanasesengurwa amasezerano Umujyi wa Kigali ugirana naba Rwiyemezamirimo mu bikorwa bitandukanye agera kuri cumi n'atandatu (16). | 100% | - | - |
| **Gusuzuma amasezerano y'ubufatanye (MoU)** | Hateguwe hanasuzumwa Memorandum of Understanding Umujyi wa Kigali ugirana n'ibindi bigo zigera kuri enye (4). | 100% | - | - |

## 5. ISHAMI RISHINZWE ABAKOZI N'UBUTEGETSI

| IBYARI BITEGANYIJWE | IBYAGEZWEHO | IBIPIMO | INZITIZI | INGAMBA |
|---|---|---|---|---|
| **5.1 Imicungire y'Abakozi n'Ibikoresho** | | | | |
| **Kunoza imicungire y'abakozi** | -Hakozwe gahunda y'ibiruhuko by'umwaka wa 2015-2016 inayishyira mu bikorwa;<br>- Hateguwe hanakurikiranwa isuzumabushobozi ry'abakozi ry'umwaka wa 2014-2015, hanategurwa ibijyanye na bonus; ndetse n'izamurwa mu ntera ry'abakozi;<br>-Hateguwe hanakurikiranwa itegurwa ry'imihigo y'abakozi y'umwaka wa 2015-2016;<br>- Hateguwe isuzumabushobozi ry'igihe cy'igeragezwa ku bakozi bashya;<br>- Hateguwe inama z'abakozi buri gihembwe n'igihe cyose byari ngombwa hanakurikiranwa ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo byazifatiwemo;<br>- Hasuzumwe amadosiye y'abasabye imperekeza n'izindi *benefits* tuzitangaho inama. | 100% | - | - |
| **Gutegura imishahara y'abakozi n'ibijyana nayo** | - Hateguwe imishahara y'abakozi ya buri kwezi ku gihe;<br>- Hateguwe *transport* na *communication allowance* bigenewe abayobozi ;<br>- Hateguwe na *transport* igenewe aba *interns* | 100% | - | - |
| **Gutegura imisanzu ya *RSSB* na *TPR*** | Hateguwe imisanzu ya RSSB (RAMA & Pension) kandi bikorerwa imenyekanisha ku gihe. | 100% | - | - |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **Gushaka abakozi binyuze mu ipiganwa** | Twashakiye Umujyi wa Kigali abakozi ku myanya itandukanye binyuze mu mapiganwa tubifashijwe mo na RALGA | | | |
| **Kubaka ubushobozi bw'abakozi** | - Hakozwe gahunda yo kubaka ubushobozi bw'abakozi mu mwaka wa 2016-2017 ikaba iri hafi kurangira;<br><br>- Abakozi bo muri OSC bongerewe ubumenyi muri GIS;<br>- Abakozi 2 hoherejwe mu mahugurwa y'igihe kirekire mu mahanga "China"; azabahesha impamyabumenyi yo mu cyiciro cya gatatu (Masters);<br>- Abakozi banyuranye bahuguwe mu bintu bitandukanye birimo PFM, na RBM etc. | 100% | - | - |
| **Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Umurimo 2016** | Hateguwe hanizihizwa Umunsi Mpuzamahanga w'Umurimo 2016, mu birori by'uwo munsi hakaba haratanzwe ishimwe ry'umukozi wahize abandi. | 100% | - | - |
| **5.2 Imicungire y'Ibikoresho** | | | | |
| **Gutanga fuel** | Hatanzwe *fuel* ku modoka z'Umujyi wa Kigali n'izindi zifasha Umujyi wa Kigali mu kazi gatandukanye. | 100% | - | - |
| **Gukoresha imodoka z'Umujyi wa Kigali zagize ikibazo** | Hakoreshejwe "entretien" n'ibindi byari bikenewe gukorwa. | 100% | - | - |
| **Gukora *inventory* y'ibikoresho** | Hakozwe *inventory* y'ibikoresho (assets) z'Umujyi wa Kigali hanakorwa update ya asset register. | 100% | - | - |
| **Gukora *inventory* y'ibikoresho bishaje** | Hakozwe inventory y'ibikoresho bishaje by'Umujyi wa Kigali, hanakorwa urutonde rw'ibikwiye kugurishwa muri cyamunara. | 100% | | |
| **5.3 Imicungire y'Inyubako** | | | | |
| **Gukurikirana imirimo y'iyubakwa rya *mini market* Nyabugogo** | Hakurikiranywe imirimo yo kubaka *Mini-Market* ya Nyabugogo kuva itangiye mu Kwezi kwa Werurwe kugera irangiye mu kwezi kwa Kamena. | 100% | - | - |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | <br>Photo: Isoko rito rya Nyabugogo | | | |
| **Gukurikirana imirimo yo gufata neza inyubako Umujyi wa Kigali ukoreramo** | Hagenzuwe inyubako Umujyi wa Kigali ukoreramo ndetse aho byagaragaye ko hakenewe gusanwa harasanwe. | 100% | - | - |
| **Gukurikirana imirimo yo gufata neza ikigo cya Gikondo Transit Center** | Hasanwe inyubako yose kandi hubakwa uruzitiro ruzengurutse icyo kigo. | 100% | - | - |
| **Gukurikirana imirimo yo gufata neza Nyamirambo Regional Stadium** | Inyubako yose yarasanwe ku rwego rwo hejuru kandi imeze neza. | 100% | - | - |
| **Gukurikirana imirimo yo kubaka inzu y'Agaseke** | Hakurikiranywe inyubako y'inzu y'Agaseke, irimo kubakwa mu Murenge wa Kigarama, Akarere ka Kicukiro. Inzu yararangiye, harimo kunozwa imirimo isoza (finishing), hanategurwa gutunganya *parking*. | 98% | - | - |
| **5.4 Itangazamakuru n'Itumanaho** | | | | |
| **Itangazamakuru n'Itumanaho** | Hakozwe ibiganiro **121** ku ma televiziyo atandukanye no ku maradiyo.<br>Muri rusange ibyo biganiro byibanze ku kumenyesha ibikurikira:<br>• Ubucuruzi mu kajagari<br>• Igishushanyo mbonera, Gutunganya Quartier Matheus, Amacumbi aciriritse, imihanda no gutwara abantu ; | 100% | - | - |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | • Inama ya Metrolab, Smart Kigali ;<br>• Gahunda ya Komite Nyobozi Nshya<br>• Ibyagezweho n'Umujyi wa Kigali mu myaka 5 ishize ;<br>• Imihanda n'ibibazo bivugwa mu gutwara abantu mu Mujyi ;<br>• Car Free Day ;<br>• Inama y'uburezi mu Mujyi wa Kigali;<br>• Imihigo y'Umujyi wa Kigali;<br>• Amahugurwa y'abakozi bo ku rwego rw'Akagari mu kurwanya ruswa;<br>• Umwiherero wa Komite Nyobozi<br>• Job net ihuza abakoresha n'abashaka akazi<br>• Gahunda ya Sukura umujyi (Greening & Beautification)<br>• Doing business | | | |
| **Gushyira inkuru mu binyamakuru na za *Websites*** | Inkuru 81 zashyizwe mu binyamakuru binyuranye na *websites*. | 100% | - | - |
| **Inkuru ku mbuga nkoranyambaga nka Twitter, facebook, Google+** | Hashyizwe inkuru ku mbuga nkoranyambaga (*social media*) z'Umujyi wa Kigali arizo ***twitter, Google+ na facebook, na Website y'Umujyi wa Kigali***<br>Hagiye hanasubizwa ibibazo abaturage baba bibaza ku Mujyi wa Kigali binyujijwe kuri izo mbuga cg e-mails yitwa info@kigalicity.gov.rw. | 100% | - | - |
| **Gusuzuma no kwemeza ubutumwa butambuka ku byapa bimanikwa (banners, posters), ibyapa bikoresha amashanyarazi "Electronic billboards"** | Hasuzumwe kandi hanemezwa ubutumwa bwatambutse ku byapa bya Aflink, MTN, TIGO, TECHNO, Chorale de Kigali na International Choir. | 100% | - | - |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **Ububanyi n'amahanga n'ubutwererane** | Mu rwego rwo gutsura umubano n'indi Mijyi Umujyi wa Kigali wakiriye abashyitsi bakurikira:<br>➢ Abavuye KCC (Kampala Capital City Authority) bafashwa ku byo bagombaga gusura ndetse habaho no gusinyana nabo MoU ;<br>➢ Abashyitsi baturutse muri Congo Brazaville ;<br>➢ Abashyitsi baturutse muri Japan mu Mujyi wa Kobe.<br><br>Hateguwe kandi *brochures* z'imikino ya EALASCA Abavuye mu AABLA (All Africa Business Leaders Awards) bifuza kuzakorera umuhango wo gutanga ibihembo muri Kigali muri Nzeri uyu mwaka.<br><br>Hatanzwe umusanzu twari mu ishyirahamwe ry'Imijyi ivuga igifaransa (AIMF) tubereye umunyamuryango. | 100% | - | - |
| **Amahugurwa y' abashinzwe *Public Relations* mu Turere tugize Umujyi wa Kigali** | Abakozi bashinzwe *Public Relations* barahuguwe tubifashijwemo na Office of the Government Spokesperson (OGS) . | 100% | - | - |
| **5.4 Archives na Documentation** | | | | |
| **Kubungabunga amadosiye y'Umujyi wa Kigali** | Habugabunzwe inyandiko ziri mu bubiko bw'Umujyi wa Kigali ndetse buratunganywa.<br><br>Habitswe neza inyandiko zavuye mu Bunyamabanga Rusange bw'Umujyi wa Kigali.<br><br>Hakiriwe ibinyamakuru bigurwa n'Umujyi wa Kigali | 85% | Gutondeka amadosiye uko bikwiriye biragoye kubera ko icyumba cya | Hakenewe ahantu hisanzuye ho kubika amadosiye |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | | *archives* ari gito. | |
| **5.5 Ubunyamabanga Rusange** | | | | |
| **Kohereza/Kugeza** ku gihe **inyandiko zisohoka n' izinjira** z'Umujyi wa Kigali ku bo zigenewe. | Hasohotse inyandiko **5,389** zigezwa ku bo zigenewe ku gihe; muri zo harimo **1,304 zasohotse** zisubiza inyandiko zinjiye zisaba ibisubizo.<br><br>Hinjiye inyandiko **14,285** zigezwa ku bo zigenewe ku gihe; muri zo harimo:<br>- Inyandiko **1,429** zinjiye zisaba ibisubizo;<br>- Inyadiko **9,201** zanditswe muri mudasobwa, zihabwa nomero ziranashyingurwa.<br><br>Hanatanzwe ku buryo busanzwe inyandiko **57** zanditswe nazo muri mudasobwa ziranashyingurwa, n'inyandiko zimenyesha **4,002**. | 100% | - | - |
| **Gushyingura inyandiko zinjira n'izisohoka** | Inyandiko zinjira **14,285** n'izisohoka **5,389** zashyinguwe neza. | 100% | - | - |
| **5.6 Ubunyamabanga Rusange** | | | | |
| **Kwakira no kuyobora abagana Umujyi wa Kigali (Abaje muri service zitandukanye cyangwa baje mu nama)** | - Hakiriwe hanagezwa abaje bagana Umujyi wa Kigali kubo bakeneye<br><br>- Hakiriwe hanayoborwa abitabiriye inama zitandukanye zabaye. | 100% | - | - |
| **Kwakira ibibazo by'abaturage biciye kuri Telefoni "Hotline"** | Hakiriwe ibibazo kuri telefoni « Hotline » kandi bibonerwa ibisubizo. | 100% | - | - |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **Kumenyekanisha ibikorwa by'Umujyi wa Kigali ku bawugana** | Hatanzwe «brochures » zerekana Imiterere y'Umujyi, Intego yawo, serivisi zihatangirwa ndetse zerekana addresses zawo. | 100% | - | - |
| **Kwakira inzandiko zigana Umujyi wa Kigali n'abaje gukurikirana inyandiko zabo n'ibindi bibazo** | Hakiriwe inzandiko zinyuranye zigezwa mu Bunyamabanga Rusange. | 100% | - | - |

## UMWANZURO

Nk'uko bigaragara muri iyi raporo y'umwaka wa 2015/2016, Umujyi wa Kigali, mu nshingano yawo yo guteza imbere ubuzima bwiza bw'abaturage no gutanga serivisi nziza ku bawugana, wageze ku bikorwa byinshi.
Muri rusange, ibikorwa byari biteganyijwe mu rwego rw'Ubukungu, Imibereho Myiza y'Abaturage n'Imiyoborere Myiza byagezweho ku kigereranyo cya 93%.

Ariko, ishyirwa mu bikorwa rya bimwe mu bikorwa ryahuye n'imbogamizi zitandukanye, iy'ingenzi ikaba ari imikorere ya ba rwiyemezamirimo batinda kubona ibikoresho bigurirwa hanze y'Igihugu, ndetse na ba rwiyemezamirimo bananiwe kubahiriza amasezerano; Kwimura abaturage (expropriation) ahaba hagomba gukorerwa ibikorwa bigamije inyungu rusange ndetse n'inkunga ituruka ku bafatanyabikorwa itinda kuboneka bigatuma ibikorwa bimwe na bimwe bitinda gukorwa.

**Byateguwe na:**

**BANAMWANA Yvette**
**Umukozi ushinzwe Igenamigambi n'ihuzabikorwa**

**Byagenzuwe na:**

**KAMANA Norbert**
**Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Igenamigambi Rusange**

**Byemejwe na:**

**MUGABO Vianney**
**Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imirimo**